# Ni gute uvugana na Polisi muri Amerika

Uruhare rwa Polisi muri Amerika ni uguharanira ituze rya rubanda n'umutekano, kubahiriza amategeko, no kurengera uburenganzira bw'ikiremwamuntu bw'abantu ku giti cyabo mu bice by'igihugu batuyemo. Niba ufite ikibazo kihutirwa, ushobora guhamagara 9-1-1 ugasaba ubufasha. Kimwe n'abazimya inkongi z'imiriro, imbangukiragutabara (ambilance), Polisi nayo ishobora kuhagera kugira ngo bagufashe.

Ushobora guhura na Polisi ku mpamvu zitandukanye mu gace utuye nk'igihe bahagaritse abatwaye imodoka, bagenzura uko mategeko agenga kugendera mu muhanda yubahilizwa.














Nuhura na Polisi ahantu hahurira abantu benshi. Ugahagarikwa na Polisi utwaye imodoka, cyangwa ugahura na yo aho ari ho hose, dore zimwe mu nama z'uburyo bukwiye bwo kuvugana na yo:

1. **Tuza kandi ugenzure amarangamutima yawe.**
2. **Garagaza kubaha. Ntuterane amagambo na polisi.**
3. **Shyira intoki zawe ahagaragara kandi uzikure mu mifuka.**
4. **Ntiwiruke cyangwa ngo ugire ikintu ufata bitunguranye.**
5. **Guma hamwe ntuve aho uri.**
6. **Niba uri mu modoka, guma mu modoka kandi ukomeze ufunge umukandara wawe.**
7. **Ntukore k'umupolisi cyangwa ngo uhagarare umwegereye cyane.**
8. **Jya witwaza indangamuntu yawe na nomero ya telefone y'umuntu ushobora kugufasha bibaye ngombwa.**
9. **Baza niba wagenda nta kibazo, niba ubyemerewe, ugende witonze.**

**Ibuka ko:** Ntacyo bitwaye kuvuga ko udasobanukiwe ibyo ubwirwa. Ufite uburenganzira bugenwa n'amategeko bwo guhabwa umusemuzi. Niba ushinjwa kurenga ku mategeko maze ugafatwa, ufite uburenganzira bwo guceceka no kuvugana n'umwunganizi mu by'amategeko mbere yo kubazwa ibibazo. Niba udashobora kwiyishyurira umwunganizi mu by'amategeko, urukiko rukwishyurira umwunganizi mu by'amategeko uguhagararira. Niba ufite ibibazo ku byerekeye kuvugana na Polisi, baza umukozi mu biro byo gutuza impunzi mukorana kugira ngo agufashe.

Dore ikarita ushobora kwitwaza kugira ngo igufashe kuvugana na Polisi.
**Kora ku buryo UBANZA UGASABA POLISI URUHUSHYA mbere yo gufata iyi karita.**

**IKARITA YIFASHISHWA N'IMPUNZI MU KUVUGANA NA POLISI**

Ndi impunzi yatujwe.

Mba muri Amerika byemewe n'amategeko.

Mvuga ________________. Nkeneye umusemuzi.

Hamagara ________________________________.

UBURWAYI:

**REFUGEE-POLICE INTERACTION CARD**

I am a resettled refugee.

I am in the United States legally.

I speak ________________. I need an interpreter.

Please call ________________________________.

MEDICAL CONDITIONS:

**Cultural Orientation Resource Exchange**
8719 Colesville Road, 3rd Floor • Silver Spring, MD 20910
For more information, visit the CORE Resettlement Navigator website at **corenav.org**.

The contents of this fact sheet were developed under an agreement financed by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State, but do not necessarily represent the policy of that agency and should not assume endorsement by the Federal Government. **This material is in the public domain and may be reproduced.**